

Dutabaza Yesu Kristo mu byo dukeneye byihutirwa

Icyumweru cya 2- iminsi 100 y'amasengesho

3-9 Mata 2020

**BYAGENDA BITE TUBAYE TUBONA ICYAHA
NK'UKO TUBONA COVID -19?**

Byateguwe na: Eric Louw

Mu byumweru bibiri bishize, njye n'Umugore wanjye twagize ikibazo gituma dutekereza ko twariye uburozi mu byo kurya duhinda n' umuriro, Turashima Imana kuko nyuma y'amasaha 36 duhangana n'umuriro, narakize. Umuriro umugore yahindaga wo ntiwacogoye ahubyo yatangiye gukorora ndetse akagira uburyaryate ku mubiri.

Nyuma y'iminsi mike, twahamagaye numero ya terefone y'abashinzwe gupima COVID -19 baduha gahunda yo gupima izakurikiraho. Twababwiye ibimenyetso umugore wanjye agaragaza batubwira ko nubwo agaragaza ibimenyetso bikomeye bijyanye nayo, uretse ko yaba yarahuye mu buryo nawe azi, n'umuntu wayipimwe bagasanga yaranduye COVID -19 atazaba kwiriye kuyipimwa. Kujya kuyipimwa bizaba ari uguta Igihe.

Nyuma y'iminsi mike umugore yakomeje guhinda umuriro cyane kandi akorora n'igikororwa kidasanzwe . byateye ikibazo mu myanya y'ubuhumekero ku buryo yatangiye gukorora no kuruka bitarekura mu gihe cy'amasaha abiri. Twamujyanye mu cyumba cy'indembe tubwira muganga ibyo twavuze haruguru byose. Bamujyanye ahabugenewe baje kumwandikira imiti no kujya bamukurikirana.

Nakomeje kubasaba ko bakongera bagashaka uko bamusuzuma COVID-19, Kuko yakoranaga n’abanyamahanga kandi hari hashize iminsi mike tuvuye hanze y’igihugu aho twari dufite igiterane kinini cyane. Muganga aza kumbwira ko nubwo Umugore wanjye agaragaza ibimenyetso, ko kumusuzuma bisaba kureba ushinzwe gusuzuma COVID-19. Mu gihe naganiraga na Muganga naje gusanga hari ibizamini bitakozwe, cyangwa abaganga babigize umwuga bari bagitegereje ko yakwira kugira ngo babone uko bayisuzuma babyitayeho. Tukimara gufata umwanya uhagije wo kuganira na Muganga, yaje kuvuga ko hari ikindi kizamini twatanga, twasanga ntacyo arwaye ko aribwo yahita ajya gusuzumwa COVID -19. Nyuma y’iminsi ibiri, twabwiwe ko tugomba gusubira mu rugo tukajya mu kato.

Igihe ibizamini bari bafashe babonye ko ari nta burwayi babonye. nibwo namenyekanishije itsinda ryose ry’abantu nahuye nabo maze nabo bose bashyirwa mu kato.

Ntitwashaka ko n’abandi Bantu bakwandura. Nafashe icyemezo cyo kujya ku bitaro kureba niba ikizamini cyaroherejwe kubashinzwe gupima COVID-19. Abakozi nasanze batazi aho ibizamini byoherejwe, naje guhamagara ahantu hanyuranye ariko nacyo banshubije byafashe iminsi. Nyuma naje kubaza ushinzwe ibyorezo kugira ngo abidufashemo ntibateganyaga kwohereza ibindi bizamini ngo bipimwe, mu gihe nasobanuraga uko ibintu byari byifashe n’umubare w’abantu bari barashyizwe mu kato bari bategereje ibisubizo aza gusubiza ko bazongera gufata ibizamini ari kuwa kabiri. Uwa Kabiri uragera, kandi urahita nta gisubizo, kuwa gatatu biragera uwo munsu nawo urahita nta gisubizo Nyuma umugore wanjye yaje kugaruka ajyanwa mu cyumba cy’indembe (emergency room) dore ko yari akomeje gukorora cyane. Uwa gatanu w’isabato uragera nk’uko bisanzwe nta gisubizo hanyuma tuza kubona ibizamini byinshi byari bitarapimwa nk’uko twabitekerezaga ariko n’ubundi amaherezo ku wa gatanu w’isabato saa moya n’igice z’ijoro (7h:30 PM) iminsi 12

yari irangiye kuva tugiye mu kato, Nyuma y'iki gihe na bwo igisubizo cyabaye negative Mbega ikintu kibabaje!

Mu buryo bunyuranye, ubunararibonye bwacu bukwiye kuzirikana iyi “virusi” yanduza yibasiye isi.” COVID-19, icyaha ntikigaragara nk'ikintu cyica Igihe cyagaragaraga mu ijuru, icyaha nticyagaragaye nk'icyica n'igihe cyageraga mu isi. “Bagiye mu kato k'igiti kimwe” Ariko Igihe icyaha cyakwiraga kiva mu nzoka kijya muri Eva kikagera muri Adamu n'abamukomotseho bese byagezeho kiba gikwira ku buryo Abantu batashoboraga kuba bakirwanya.

Nyamara, mu buryo bunyuranije n'uburyo isi yose iri gushakira igisubizo COVID-19, benshi muri twe ntibitaye ku gukwirakwira kw'icyaha. Ntacyo twitayeho cyerekeranye no gusuzumisha imibereho yacu twifashishije Ijambo ry'Imana no Gushaka ko imitima yacu yahinduka. Ibimenyetso biragaragara- Kwikunda, uburakari, kwishyira hejuru, gutwarwa n'ibyo dukora. Ariko akenshi ntitwita kuri ibi bimenyetso, tunezezwa n'icyaha, dukina nacyo, tubona gisekeje, n'ibindi ariko tugerageza kukirwanya mu mibereho yacu ku kiguzi cyose twatanga.

Hacura iki dukoze ikinyuranyo? Byagenda bite dushatse Intsinzi y'icyaha nk'uko turi kurwanya COVID-19?

Zaburi 139:23-24” Mana, ndondora umenye umutima wanjye, mvugutira umenye ibyo ntekereza. V24 Urebe ko hariho inzira y'ibibi indimo, unshorerere mu nzira y'iteka ryose.”Iyi Zaburi iradushishikariza kwisuzumisha”Ndondora Mana, umenye umutima wanjye; nsuzuma kandi urebe ibyo ntekereza. Kandi urebe ko hariho inzira y'ibibi ndimo, unshorerere mu nzira y'iteka ryose” Imana ishaka kumenya imiterere yacu kandi irashaka kutuvura mu bya mwuka. Irashaka kutweza no kutubatura. Hano ku isi twese turimu kato, ariko mu gihe gito aka kato kagiye kurangira, Yesu aze atujyane iwacu, Mbese Igihe azagaruka? Azasanga witeguye?

Ibyo Dukwiriye kwibaza: Mbese nitwakwemerera Imana ngo ironcore imitima yacu, kandi ngo itweze idutsindire virusi yica y'icyaha? Byagenda bite dusabye imbabazi Umuntu, ibyaha byacu byakomerekeje?

Inzitizi duhura nazo mu mitima yacu: Muri iki cyumweru nk'uko tuzakomeza gusengera uburinzi bw'ubuzima bwacu no gusaba Imana ngo idukize uburwayi, reka dusengere no gukira mu by'umwuka, Reka dutere intambwe dusange abaturanyi bacu tubasabe imbabazi, twiyunge nabo, tubabwire urukundo rw'Imana Reka turwanye ibyaha, cyaba gito cyangwa kinini. Reka dusabe Imana idufashe kubitsinda mu gihe dusenga, reka tuzirikane amagambo ari muri 1 Yohana 1:9” Ariko nitwatura ibyaha byacu, niyo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose” no muri Yesaya 1:18” Nimuze tujye inama niko Uwiteka avuga” Naho ibyaha byanyu byatukura nkumuhemba birahinduka umweru bise na Sheregi, naho byatukura tukutuku birahinduka bw'Intama bwera.”

Abenshi bari kumarwa n'ubwoba kubera ibyaha bimwe na bimwe bikomeye bayobowemo mu kubona icyaha mu tuntu duto nk'ikitazagira ingaruka zikomeye. Ariko ibi byaha bito bituma bagira imibereho yo kutubaha Imana. The faith I live By. P.92

Dore ibyo tuzasengera umunsi ku wundi:

Umunsi wa mbere: ku wa gatandatu, 03 Mata 2020

1. Gusengera ibihugu, n’uturere byajahajwe cyane n’icyorezo cya Coronavirus COVID-19, Abantu bagapfa, kandi kikangiza imibereho y’abantu.
2. Gusaba ngo Imana iduhe kwihangana kandi yongerere imbaraga abaganga, niba uzi umwe muri abo baganga usenge umuvuga mu izina.
3. Saba Imana ngo kubw’ubuntu bwayo ifashe abo musengana bahuye n’ingorane mu mibereho yabo, usengere ababa barafashwe kandi nyuma uzashimire Imana kubw’imbaraga zayo zizaba zarakoreye mu mibereho yabo.
4. Gusaba Imana guhishurira abagize Itorero uburyo bwiza bwo gukomezanya mu kwizera, gusengera abashyizwe mu kato n’abarwayi bari bonyine.
5. Gusabira abo mu majyaruguru y’uburasirazuba muri misiyoni ya Mindano mu gihugu cya Filipine badafite ibyo kurya n’ibindi bintu bikenewe muri iki gihe cy’icyorezo cya COVID-19 mubasabire bakomerere mu kwizera.
6. Gusabira Abayobozi bakuru b’igihugu cyacu cy’u Rwanda ngo Imana ikomeze kubungura ubwenge mvajuru mu ngamba bafata kugira ngo Imana idutsindire icyorezo cya coronavirus.

Umunsi wa Kabiri: ku isabato 04 Mata 2020

“Ntimukagire umwenda wose keretse gukundana, kuko ukunda undi aba asohoje amategeko” (Abaroma 13:8)

Itorero ryashyizweho n’Imana kubw’agakiza ka muntu. Ryashyiriweho gukora umurimo wayo kandi inshingano zaryo ni izo kwamamaza ubutumwa bwiza ku batuye isi bose. Kuva mu ntangiriro yari gahunda y’Imana ko ibinyujije mu Itorero ryayo, yashakaga kwiyereka ubwoko bwayo kandi ko ubuntu bwayo bubahagije. Abizera b’itorero abo yahamagaye ibavanye mu mwijima ikabageza mu buntu

bwayo bw'igiciro cyinshi bubonerwa muri Kristo Yesu no mu Itorero; buzagaragarira no mu "batware n'abafite ubushobozi bwo mu ijuru 'bamenyeshwe n'itorero ubwenge bw'Imana bw'uburyo bwinshi" "abefeso **3:10; Ibyakozwen'intumwa, P.9 mu cyongereza.**

1. Gusabira Itorero ry'abadventiste b'umunsi wa karindwi ngo risohoze umurimo ryahamagariwe wo kwamamaza inkuru nziza y'agakiza ka muntu
2. Gusabira abizera bacu Bo muri Kenya. Gusaba Imana imbabazi no Gusaba ngo abagize Itorero babe umwe kandi ngo Imana idutsindire COVID-19. Gusaba kandi ngo mwuka wera abe ku buyobozi bw'itorero bwo muri Kenya.
3. Gusengera abizera b'itorero n'abayobozi bo mu Burundi, muri Afrika, bakomeje gutotezwa Musabe kugira ngo Urukundo rw'Imana rugaragarire mu guhamya kwabo kandi guhamya kwabo kugere ku isi yose, barabagiranire muri Yesu muri ibi bihe by'umubabaro.
4. Gusengera uburyo bushya bwo kwamamaza ubutumwa, hakoreshejwe interinete n'ubundi buryo, twubahiriza intera hagati y'umuntu n'undi ariko tugakomeza isano ikomeye dufitanye na Kristo binyuze mu ijambo ryayo, mu gukiranuka, mu murimo wo mu buturo bwera no Gusaba imbaraga mu ntambara ikomeye turwana muri ubu buzima.
5. Gusaba Imana ngo idusobanurire uburyo twasangira ubutumwa bw'abamarayika batatu, n'uburyo bwo kwitungira amagara mazima. Kuko ubu butumwa ari ingenzi muri iki gihe mu mateka y'isi.
6. Gusengera Abantu bari bafite ibyo bakora mu Rwanda ariko ubu bakaba batakiyja ku mirimo yabo yaritunze imiryango, dusabe Imana ngo ibahe Ibyiringiro kandi ibashakire ibibatunga muri iki gihe cy'icyorezo cya coronavirus

Umunsi wa gatatu: ku wa mbere w'isabato 05 Mata 2020

“Kuko ku munsi w’amakuba azandindisha kumpisha mu ihema rye, mu bwihisho bwo mu ihema rye niho azampisha, azashyira hejuru ampagarike ku gitare” (Zaburi ya 27:5)

Imana izakorera ibikomeye abayizera bose. niyo mpamvu abahamya bayo nta mbaraga bagira, biringira cyane ubwenge bwabo, ntabwo baha Imana umwanya ngo yerekanire imbaraga zayo mu buzima bwabo, izafasha abana bayo bayiringira mu makuba yose, Igihe cyose bazashyira Ibyiringiro byabo mu Mana kandi bakayumvira mu buryo bukiranuka. **(Abakurambere n’abahanuzi P.493 mu cyongereza.)**

1. Gusabira abizera b’itorero bo mu gihugu cya Fiji bifuzza kuba icyitegererezo muri ibi bihe isi iyogojwe n’icyorezo. Mubasabire kuba inking y’ibyiringiro no gukomera muri ibi bihe biruhije, berekana urukundo rwa Kristo mubo babana.
2. Gusengera zone y’ibyiringiro muri Fiji kugira ngo bakoreshe uburyo bw’ikoranabuhanga mu gukiza imitima bayigarurira Kristo no kuzaba mu bwami bw’Imana.
3. Gusabira abanyeshuri b’abamisiyoneri bari kure y’imuhira iwabo mu gihe icyorezo cya COVID -19 cyatangiraga, bakomeze gukundana, mubasabire bagire ubutwari n’imbaraga.
4. Musabire Abantu bavuye ku mirimo yabo, badafite ibyo kurya, bafite ikibazo cy’uburyo bazishyura amacumbi n’ibindi bibafasha kubaho mu gihe batakibasha kujya ku kazi.
5. Musabire abizera b’itorero mu butariyani, Ubufaransa, Esipanye, Ubudage n’ibindi bihugu byo mu burayi bamaze kubura ababo bitewe n’icyorezo cya corona virus. Mubasabire gukomera n’imbaraga zo kurwanya iki cyorezo.

Umunsi wa kane: Kwa kabiri w'isabato 06 Mata 2020

“Musabe muzahabwa, mushake muzabona, mukomange ku rugi muzakingurirwa, v8 Kuko umuntu wese usaba ahabwa, ushatse abona, n'ukomanga agakingurirwa” (Matt 7:7-8)

Umukororombwa ukikije intebe y'ubwami ni ikimenetso cy'uko Imana ari ukuri, ntihinduka, nta mwijima. Twacumuye ku Mana, nitwakoze umurimo wayo, kandi yarashyize mu kanwa kacu amagambo yo kwifashisha dusaba “Ntutuzinukwe ugirire izina ryawe, ntukoze isoni ingoma y'icyubahiro cyawe, ibuka we kwica isezerano wadusezeraniye” **Yeremiya 14:21** iyo tuje imbere y'Imana twatura ibicumuro bacu n'ibyaha byacu, yadusezeraniye ko izita ku gutaka kwacu, kandi ko izubahisha ingoma yayo, isohoza ibyo yadusezeraniye mu ijambo ryayo” **Imigani ya Kristo. P.148** igitabo cy'icyongereza.

1. Gusabira Abantu bafite ubuzima buri mu kaga muri Leta zunze ubumwe za Amerika n'uburayi. Dusabe kugira ngo abaganga babigize umwuga babone icyo kubafashisha mu byo bakeneye.
2. Dusabire Abaganga, abashinzwe umutekano, abakozi bashinzwe imirimo itandukanye bo muri Amerika, nabo hirya no hino ku isi bafashwe na COVID-19 Mu gihe bari mu nshingano zabo, bafasha abarwayi, tubasabire bakire.
3. Gusabira abibana muri iki gihe cy'icyorezo, gusabira abahanganye n'ubwoba n'abababajwe no kuba mu kato, kubasabira ngo bumve ko batari bonyine ahubwo ko Yesu ahagaze mu ruhande rwabo rw'iburyo.
4. Gusabira amatorero yose yaho dutuye yafunzwe bitewe na COVID -19 Dusabire amatorero ngo akomeze kuba umwe, bakoresheje ikoranabuhanga mu gihe tutabasha kwegerana ibyo bikazatuma dukomerera mu kuri muri iki gihe cy'icyorezo.

5. Gusaba Imana ngo yongere gushyira urukundo rwayo mu mitima y'abantu, ngo bakunde ijamba ryayo, bakunde gusenga kandi bakunde umurimo wayo.
6. Gusabira abari I kanyinya mu bitaro bamaze gufatwa na coronavirus ngo Imana ibakize, gusabira imiryango yabo bakomokamo ngo Imana ikomeze kubaha kwihangana no kubahumuriza.

Umunsi wa gatanu: kuwa gatatu w'isabato, 07 Mata 2020

“Maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mu ijuru mbabarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu. **(2 ingoma 7:14)**

Abizera bo mu matorero yacu bakeneye kwihana, bakeneye gukura mu bya mwuka, amasengesho y'urunana y'abizera bose abasha guhuza abatuye isi. Mureke twese dusenge twicishije bugufi. Abagize umuryango bateranire hamwe basabe mwuka wera. Reka Abantu batabasha kuva mu rugo baterane n'abana babo bahurizwe hamwe no gusenga Imana. Babasha kwibukiranya amasezerano y'Umukiza wabo:”Aho babiri cyangwa batatu bazaba bateraniye mu izina ryanjye nzaba ndi kumwe nabo **Review and Herald, January 3,1907,p.4**

1. Dusabe Imana ngo idusobanurire icyo bivuga kugenda wicishije bugufi imbere y'Imana n'imbere ya buri muntu wese. Dusabe Imana itwigishe gusenga, uburyo bwiza bwo kwihana, no kudukiza Igihe dushakanye Imana umutima wacu wose.
2. Gusaba Imana ngo idufashe gusobanukirwa neza no kuba Abantu b'ibya mwuka no kutwerekana uburyo twakora umurunga w'amasengesho ku isi yose.
3. Gusabira abagize Itorero baba mui konferansi y'amajyepfo y'ubwongereza I Landoni, gusaba ko muri iki gihe cy'icyorezo ko aho insengero zafunzwe, abazigize bakura mu bya mwuka, barushaho kwiyegegurira Imana n'umurimo

wayo, batangira ku gihe gahunda zo kuramya kandi bose bakazibonekamo. (Abagize umuryango).

4. Gusengera urubyiruko rwacu rwo mu Burayi, kugira ngo bazagaruke mu rusengero kandi Ababyeyi babashe kubabera urugero rwiza bagarura abana babo mu nsengero.
5. Gusabira buri muntu wese, hatitawe ku myaka, igitsina, umwanya w'icyubahiro, cyangwa irangamimerere, ko bakwiriye kuba abahamya n'intumwa z'urukundo rw'Imana muri iyi si iheruka.
6. Gusengera inzego z'ibanze n'abaturage bose bo mu Rwanda kugira ngo babashe gufataniriza hamwe mu gukumira iki cyorezo cya coronavirus no gukuraho ibintu byose bidutandukanya n'Imana.

Umunsi wa gatandatu: Ku wa kane w'isabato: 08 Mata 2020

“Mana yacu, ntiwakwemera kubahana? Nta mbaraga dufite zarwanya izo ngabo nyinshi ziduteye kandi tubuze uko twagira ariko **ni wowe duhanze amaso**” (2 Ingoma 20:2).

Imana ntishaka ko tuguma guheranwa n'agahinda, umubabaro, n'imitima ishavuye. Irashaka ko tugera ku rugero rw'igihagararo kandi tukagaragaza urukundo rwayo, Umukiza wacu ahagarara iruhande rw'abantu benshi bafite amarira yuzuye mu maso ku buryo batabasha kumureba ngo bamumenye. Aratwegera akadufata mu biganza, ashaka ko tumureba dufite kwizera kumushoboza kutuyobora. Yugururira umutima we ibitubabaza, intimba zacu n'ibitugerageza. Yadukunze urukundo rutarondoreka rw'iteka ryose kandi n'urukundo rw'ubugwaneza. Tekereza kuri aya magambo amaze kuvugwa, Bana b'umubabaro n'agahinda mwishimire mu byiringiro. “Kuko icyabyawe n'Imana cyose kinesha iby'isi, kandi uku niko kunesha kwanesheje

iby'isi, ni ukwizera kwacu" **1 Yohana 5:4 Thoughts from the Mount of blessings, p.12.**

1. Gusengera abashavuye, baherutse kubura abo bakundaga no gusabira abakomeje kumva ko Imana iri kumwe nabo.
2. Gusengera abizera b'itorero bahuye n'icyorezo cya COVID-19 bo mu bihugu nka Canada, Rwanda. Dusabe Imana ibongerere Imbaraga ibahe n'amahoro kandi ibakize, basabire ububyutse kandi n'ubutumwa bwiza bukomeze kujya mbere muri ibi bihe. (Dukoresheje ikoranabuhanga).
3. Dusengere abadafite urukundo kandi abizera batuye ku isi yose bagire umutima utanga. Usabire abafite imitungo myishi bagire umutima wo gufasha abatabifite.
4. Sabira abagize Itorero ku isi yose bakureho ibibatandukanya maze bagirane umushyikirano wa gikristo kandi basabe imvura y'itumba
5. Gusabira abizera b'itorero ku isi yose kugira ngo bafate inshingano zo kubwiriza ubutumwa bwiza muri iki gihe amavuna ya rusange yahagaze (dukoresheje ikoranabuhanga).

Umunsi wa Karindwi: kuwa gatanu w'isabato 09 Mata 2020

“Mboneye yuko imibabaro y'iki gihe idakwiriye kugereranywa n'ubwiza tuzahishurirwa” **Abaroma 8:18**

Iyo tunyuzemo mu bigeragezo no mu karengane, ubwiza, imico y'Imana yigaragariza mu Bantu bayo. Abizera kristo bangwa kandi bagatotezwa n'ab'isi, bigishirizwa kandi bakagira imyifatire mbonera mu ishuri rya kristo. Muri iyi si banyura mu nzira ifunganye; berezwa mu itanura ry'umubabaro. Bakurikira Kristo banyuze mu guhangana n'ibibarushya bishishana, bakemera guhara amagara yabo, bakemera guhara byose, ariko bakagira umutima ukorwaho kandi bakababazwa n'icyaha,

bakakibona nk'ikintu bazinutswe. Gufatanya imibabaro na Kristo bituma babona hirya y'umwijima wicura burindi ubwiza bazahishurirwa. Bakavuga bati" Mbonye yuko imibabaro y'iki gihe idakwiriye kugereranywa n'ubwiza tuzahishurirwa' **Abaroma 8:18" IBYAKOZWE N'INTUMWA, P.576 Mu cyongereza.**

1. Gusaba ngo tubone neza ibyiza byo kuzaba mu ijuru, tubone neza hirya y'igituro, hirya yo gutaka n'umubabaro n'ibirushya byo muri ubu buzima, tubone neza ingororano z'ijuru ku bazaba barakiranutse kugeza ku mperuka y'isi.
2. Gusabira abapasitoro n'abayobozi ngo bagire ubwenge mvajuru muri iki gihe cyo gukomeza no kwihanganisha abahuye n'iki cyorezo.
3. Gusabira abanyeshuri bahagaritse amasomo bagasubira I Muhira cyne ababonaga ibyo kurya igihe Bari ku ishuri gusa. Gusaba Imana ngo igire Abakristo bagira icyo batanga kugira ngo babiteho muri iki gihe cy'icyorezo.
4. Gusaba Imana ngo itwuzuze urukundo rwayo, rutume tujya mbere, rushenjagure imitima yacu ituma tutarwakira, ahubwo itume turusangira na bagenzi bacu badafite Ibyiringiro.
5. Gusaba ngo turusheho gusobanukirwa kandi mu buryo bwihuse dusangire ubutumwa bwo gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera" kandi tukazaruhukira mu gukiranuka Kwa Kristo Yesu.
6. Gusaba Imana ngo iduhagarkire coronavirus mu gihugu cyacu cy'u Rwanda ndetse no ku isi yose.